
Rwanda Education Board

# Nkunda ishuri




Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**

Umuvugo wo mu kiciro cya gatatu cyo gusoma
3

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Nkunda ishuri





Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2019**




NIYIGENA Dany, yanditse uyu muvugo afite imyaka 18, yiga mu mwaka wa 4 w'amashuri yisumbuye, mu Rwunge rw'Amashuri rwa Ntarama, Akarere ka Bugesera, Intara y'Iburasirazuba. Uyu muvugo we, NKUNDA ISHURI, ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2019.




Ndibuka shenge dutangira ishuri
Ababyeyi batujyanye iyo kwiga.



Twari twishimye dutangiye ishuri
Tugenda dutuje dukereye ishuri.




Umwarimu wacu adutoza iby'ishuri
Twese dushaka kuvoma ubwo bwenge.





Twiga indirimbo turirimba n'itonde
Ingombajwi zose, inyajwi turiga.



Umwarimu wacu adutoza ikaramu
Byaratugoye ati: “Bizaza mutuze.”




Dutangira kwiga dushimwa umuhate
Umwarimu wacu adutoza kubyumva.





Dusoma dutuje dutangira kumva
Udukuru twiza turyoheye abana.



Dutangira kwiga byari bigoye
Nkicara nemye nkarambirwa cyane.



Tukandika byinshi intoki zigashyuha
Twataha iyo iwacu tukarata ibyo twize.



Nagiraga umurava ngakunda no kwiga
Ngashimwa na bose nkaberwa n'ishuri.



Ngasomera iwacu bakumva ibyo twiga
Nasoma neza bagashima ibyo twiga.




Nigaga nsinda ngahabwa ibihembo
Mu rugo iwacu ngashimwa ubuhanga.




Nakundaga kenshi no kwicara mpanga
Ubu udukuru nahanze twahize utundi.




Muze mwese dukunde kwiga
Ni wo musingi w'ejo heza.

# Umuvugo: Nkunda ishuri

Ndibuka shenge dutangira ishuri
Ababyeyi batujyanye iyo kwiga.

Twari twishimye dutangiye ishuri
Tugenda dutuje dukereye ishuri.

Umwarimu wacu adutoza iby'ishuri
Twese dushaka kuvoma ubwo bwenge.

Twiga indirimbo turirimba n'itonde
Ingombajwi zose, inyajwi turiga.

Umwarimu wacu adutoza ikaramu
Byaratugoye, ati: "Bizaza mutuze."

Dutangira kwiga dushimwa umuhate
Umwarimu wacu adutoza kubyumva.

Dusoma dutuje dutangira kumva
Udukuru twiza turyoheye abana.

Dutangira kwiga byari bigoye
Nkicara nemye nkarambirwa cyane.

Tukandika byinshi intoki zigashyuha
Twataha iyo iwacu tukarata ibyo twize.

Nagiraga umurava ngakunda no kwiga
Ngashimwa na bose nkaberwa n'ishuri.

Ngasomera iwacu bakumva ibyo twiga
Nasoma neza bagashima ibyo twiga.

Nigaga nsinda ngahabwa ibihembo
Mu rugo iwacu ngashimwa ubuhanga.

Nakundaga kenshi no kwicara mpanga
Ubu udukuru nahanze twahize utundi.

Muze mwese dukunde kwiga
Ni wo musingi w'ejo heza.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA